

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**page/urup.**

**A. Itegeko Ngenga /Organic Law /Loi Organique**

**N° 05/2012/OL ryo kuwa 03/09/2012**

Itegeko Ngenga rishyiraho ibigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu.....3

**N° 05/2012/OL of 03/09/2012**

Organic Law determining allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders.....3

**N° 05/2012/OL du 03/09/2012**

Loi Organique déterminant les indemnités et autres avantages alloués aux Hauts Mandataires Politiques de l'Etat.....3

**B. Itegeko/Law/Loi**

**N° 34/2012 ryo kuwa 03/09/2012**

Itegeko rishyiraho ihahiro ry'ingabo z'u Rwanda na Polisi y'u Rwanda rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byaryo .....26

**N° 34/2012 of 03/09/2012**

Law establishing Rwanda Defense Forces and Rwanda National Police Shop and determining its mission, organisation and functioning.....26

**N° 34/2012 du 03/09/2012**

Loi portant création du comptoir d'achat des Forces Rwandaises de Défense et de la Police Nationale du Rwanda et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement.....26

**C. Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel**

**N° 32/01 ryo kuwa 03/09/2012**

Iteka rya Perezida rishyiraho Sitati Yihariye y'ingabo z'u Rwanda.....42

**N° 32/01 of 03/09/2012**

Presidential Order establishing Rwanda Defence Forces Special Statute.....42

**N° 32/01 du 03/09/2012**

Arrêté Présidentiel portant statut particulier des Forces Rwandaises de Défense.....42

<b>ITEGEKO NGENGA N°05/2012/OL RYO KUWA 03/09/2012 RISHYIRAHO IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU</b>	<b>ORGANIC LAW N°05/2012/OL OF 03/09/2012 DETERMINING ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR STATE HIGH POLITICAL LEADERS</b>	<b>LOI ORGANIQUE N°05/2012/OL DU 03/09/2012 DETERMINANT LES INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES ALLOUES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT</b>
--	---	---

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

<b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></b>
--	---	--

<b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this Organic Law</u></b>	<b><u>Article one: Objet de la présente loi organique</u></b>
---	--	---

<b><u>Ingingo ya 2: Abo iri tegeko ngenga rireba</u></b>	<b><u>Article 2: Scope of this Organic Law</u></b>	<b><u>Article 2: Champ d'application de la présente loi organique</u></b>
--	--	---

<b><u>Ingingo ya 3: Ibyiciro by'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu</u></b>	<b><u>Article 3: Categories of State High Political Leaders</u></b>	<b><u>Article 3: Catégories des hauts mandataires politiques de l'Etat</u></b>
---	---	--

<b><u>UMUTWE WA II: IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU IGIHE BARI MU MIRIMO</u></b>	<b><u>CHAPTER II: ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR STATE HIGH POLITICAL LEADERS WHILE IN OFFICE</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES ALLOUES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT EN FONCTION</u></b>
---	---	--

<b><u>Ingingo ya 4: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika</u></b>	<b><u>Article 4: Allowances and other fringe benefits allocated to the President of the Republic</u></b>	<b><u>Article 4: Indemnités et autres avantages alloués au Président de la République</u></b>
---	--	---

<b><u>Ingingo ya 5: Ibigenerwa abanyapolitiki</u></b>	<b><u>Article 5: Allowances and other fringe</u></b>	<b><u>Article 5: Indemnités et autres avantages</u></b>
---	--	---

bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kabiri	benefits for State High Political Leaders of the second category	alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la deuxième catégorie
<u>Ingingo ya 6:</u> Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya gatatu	<u>Article 6:</u> Allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders of the third category	<u>Article 6:</u> Indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la troisième catégorie
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kane	<u>Article 7:</u> Allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders of the fourth category	<u>Article 7:</u> Indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la quatrième catégorie
<u>Ingingo ya 8:</u> Inzandiko z'inzira	<u>Article 8:</u> Travel documents	<u>Article 8:</u> Documents de voyage
<u>Ingingo ya 9:</u> Ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu	<u>Article 9:</u> Official missions inside the Country	<u>Article 9:</u> Missions officielles à l'intérieur du pays
<u>Ingingo ya 10:</u> Ubutumwa bw'akazi mu mahanga	<u>Article 10:</u> Official missions outside the Country	<u>Article 10:</u> Missions officielles à l'extérieur du pays
<u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bwo kwivuza	<u>Article 11:</u> Medical treatment	<u>Article 11:</u> Soins médicaux
<u>Ingingo ya 12:</u> Amafaranga y'ishyingura n'ay' impozamarira	<u>Article 12:</u> Burial expenses and death allowance	<u>Article 12:</u> Frais funéraires et indemnité de décès
<b>UMUTWE WA III: IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU IYO BACYUYE IGIHE</b>	<b>CHAPTER III: ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR FORMER STATE HIGH POLITICAL LEADERS</b>	<b>CHAPITRE III: INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES DES ANCIENS HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT</b>
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibyubahirizwa mu gutanga ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe	<u>Article 13:</u> Conditions for granting allowances and other fringe benefits to a former President of the Republic	<u>Article 13:</u> Conditions d'octroi des indemnités et autres avantages à allouer à un ancien Président de la République

<b><u>Ingingo ya 14:</u> Ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe</b>	<b><u>Article 14:</u> Allowances and other fringe benefits for a former President of the Republic</b>	<b><u>Article 14:</u> Indemnités et autres avantages alloués à un ancien Président de la République</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe akaba Senateri</b>	<b><u>Article 15:</u> Allowances and other fringe benefits for a former President of the Republic who becomes a Senator</b>	<b><u>Article 15:</u> Indemnités et autres avantages alloués à un ancien Président de la République devenu Sénateur</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Uburyo bwo kwivuzwa kuri Perezida wa Repubulika ucyuye igihe</b>	<b><u>Article 16:</u> Medical treatment for a former President of the Republic</b>	<b><u>Article 16:</u> Soins médicaux pour un ancien Président de la République</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Kwishingira urugendo rwo mu mahanga rwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe</b>	<b><u>Article 17:</u> Travel expenses abroad for a former President of the Republic</b>	<b><u>Article 17:</u> Prise en charge du voyage à l'étranger pour un ancien Président de la République</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Gufasha umuryango wa Perezida wa Repubulika upfuye ari mu mirimo cyangwa upfuye yaracyuye igihe</b>	<b><u>Article 18:</u> Assisting the family of the President of the Republic or a former President of the Republic when he/she dies</b>	<b><u>Article 18:</u> Assistance à la famille en cas de décès du Président de la République ou d'un ancien Président de la République</b>
<b><u>Ingingo 19:</u> Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kabiri iyo bacyuye igihe</b>	<b><u>Article 19:</u> Allowances and other fringe benefits for former State High Political Leaders of the second category</b>	<b><u>Article 19:</u> Indemnités et autres avantages alloués aux anciens hauts mandataires politiques de l'Etat de la deuxième catégorie</b>
<b><u>Ingingo 20:</u> Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya gatatu n'icya kane iyo bacyuye igihe</b>	<b><u>Article 20:</u> Allowances and other fringe benefits for former State High Political Leaders in the third and fourth categories</b>	<b><u>Article 20:</u> Indemnités et autres avantages alloués aux anciens hauts mandataires politiques de l'Etat de la troisième et quatrième catégorie</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira uwahoze ari umunyapolitiki mukuru w'Igihugu</b>	<b><u>Article 21:</u> Rights granted to a former State High Political Leader on State</b>	<b><u>Article 21:</u> Droits reconnus à un ancien haut mandataire politique de l'Etat quant</b>

yemerewe ku nkunga yahawe na Leta yo kugura imodoka bwite	contribution for the purchase of his/her own vehicle	à la contribution de l'Etat pour l'achat de son propre véhicule
<u>Ingingo ya 22:</u> Imyaka y'uburambe mu mirimo ya politiki	<u>Article 22:</u> Working experience in political duties	<u>Article 22:</u> Ancienneté dans les fonctions politiques
<u>Ingingo ya 23:</u> Amafaranga y'ikiruhuko cy'izabukuru	<u>Article 23:</u> Retirement pension	<u>Article 23:</u> Pension de retraite
<b><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<u>Ingingo ya 24:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga	<u>Article 24:</u> Drafting, consideration and adoption of this Organic Law	<u>Article 24:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique
<u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga	<u>Article 25:</u> Repealing provision	<u>Article 25:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa	<u>Article 26:</u> Commencement	<u>Article 26:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO NGENGA N°05/2012/OL RYO KUWA 03/09/2012 RISHYIRAHO IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU**

**ORGANIC LAW N°05/2012/OL OF 03/09/2012 DETERMINING ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR STATE HIGH POLITICAL LEADERS**

**LOI ORGANIQUE N°05/2012/OL DU 03/09/2012 DETERMINANT LES INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES ALLOUES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 06 Kanama 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 06 August 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 06 août 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 06 Kanama 2012;

The Senate, in its session of 06 August 2012;

Le Sénat, en sa séance du 06 août 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 68, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 115, 116,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 68, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113,

*Official Gazette n° 36 of 03 September 2012*

67, iya 68, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 115, iya 116, iya 122 n' iya 201;

115, 116, 122 and 201;

Isubiye ku Itegeko ngenga n° 34/2003 ryo kuwa 16/09/2003 rishyiraho ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu;

Having reviewed Organic Law n° 34/2003 of 16/09/2003 determining allowances and other fringe benefits to be allocated to State High Political leaders;

Revu la Loi Organique n° 34/2003 du 16/09/2003 portant fixation des indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije**

**Article One: Purpose of this Organic Law**

**Article one: Objet de la présente loi organique**

Iri tegeko ngenga rishyiraho ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu.

This Organic Law determines allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders.

La présente loi organique détermine les indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat.

**Ingingo ya 2: Abo iri tegeko ngenga rireba**

**Article 2: Scope of this Organic Law**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi organique**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bagengwa n'iri tegeko ngenga ni aba bakurikira:

This Organic Law shall apply to the following State High Political Leaders:

La présente loi organique s'applique aux hauts mandataires politiques de l'Etat suivants:

a) muri Perezidansi ya Repubulika: Perezida wa Repubulika;

a) in the Office of the President of the Republic: the President of the Republic;

a) à la Présidence de la République: le Président de la République;



*Official Gazette n° 36 of 03 September 2012*

b) mu butegetsi bwite bwa Leta:

- 1° Minisitiri w'Intebe;
- 2° Abaminisitiri;
- 3° Abanyamabanga ba Leta;
- 4° abandi bagize Guverinoma bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika, bibaye ngombwa;

5° Abaguverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;

c) mu Nteko Ishinga Amategeko:

- 1° Perezida wa Sena;
- 2° Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
- 3° ba Visi Perezida ba Sena;
- 4° ba Visi Perezida b'Umutwe w' Abadepite;
- 5° Abasenateri;
- 6° Abadepite.

Iteka rya Perezida rishobora kugena abandi Banyapolitiki Bakuru b'Igihugu igihe bibaye ngombwa.

b) in the Central Government:

- 1° Prime Minister;
- 2° Ministers;
- 3° State Ministers;
- 4° other Cabinet members who may be appointed by the President of the Republic, if necessary;

5° Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali;

c) in the Parliament:

- 1° President of the Senate;
- 2° Speaker of the Chamber of Deputies;
- 3° Vice-Presidents of the Senate ;
- 4° Deputy Speakers of the Chamber of Deputies;
- 5° Senators;
- 6° Deputies.

Where necessary, a Presidential Order may determine other State High Political Leaders.

b) dans l'administration centrale:

- 1° le Premier Ministre;
- 2° les Ministres;
- 3° les Secrétaires d'Etat;
- 4° autres membres du Gouvernement qui peuvent être désignés par le Président de la République, en cas de nécessité;
- 5° les Gouverneurs des Provinces et le Maire de la Ville de Kigali;

c) au Parlement:

- 1° le Président du Sénat;
- 2° le Président de la Chambre des Députés;
- 3° les Vice-Présidents du Sénat;
- 4° les Vice-Présidents de la Chambre des Députés;
- 5° les Sénateurs;
- 6° les Députés.

En cas de besoin, un arrêté présidentiel peut déterminer d'autres hauts mandataires politiques de l'Etat.

**Ingingo ya 3: Ibyiciro by'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu byiciro bine (4) bikurikira:

- a) icyiciro cya mbere kigizwe na Perezida wa Repubulika;
- b) icyiciro cya kabiri kigizwe n'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bakurikira:
  - 1° Perezida wa Sena;
  - 2° Perezida w'Umutwe w'Abadepite;
  - 3° Minisitiri w'Intebe;
- c) icyiciro cya gatatu kigizwe n'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bakurikira:
  - 1° Abaminisitiri;
  - 2° ba Visi Perezida ba Sena;
  - 3° ba Visi Perezida b'Umutwe w'Abadepite;
  - 4° Abanyamabanga ba Leta;
  - 5° abandi bagize Guverinoma bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika, bibaye ngombwa;

**Article 3: Categories of State High Political Leaders**

State High Political Leaders shall be classified into the following four (4) categories:

- a) the first category shall be comprised of the President of the Republic;
- b) the second category shall be comprised of the following State High Political Leaders:
  - 1° the President of the Senate;
  - 2° the Speaker of the Chamber of Deputies;
  - 3° the Prime Minister;
- c) the third category shall be comprised of the following State High Political Leaders:
  - 1° Ministers;
  - 2° Vice Presidents of the Senate;
  - 3° Deputy Speakers of the Chamber of Deputies;
  - 4° State Ministers;
  - 5° other Cabinet members who may be appointed by the President of the Republic, if necessary;

**Article 3: Catégories des hauts mandataires politiques de l'Etat**

Les hauts mandataires politiques de l'Etat sont classés en quatre (4) catégories suivantes:

- a) la première catégorie comprend le Président de la République;
- b) la deuxième catégorie est composée des hauts Mandataires Politiques de l'Etat suivants:
  - 1° le Président du Sénat;
  - 2° le Président de la Chambre des Députés;
  - 3° le Premier Ministre;
- c) la troisième catégorie est composée des hauts mandataires politiques de l'Etat suivants :
  - 1° les Ministres;
  - 2° les Vice-Présidents du Sénat;
  - 3° les Vice-Présidents de la Chambre des Députés;
  - 4° les Secrétaires d'Etat;
  - 5° autres membres du Gouvernement qui peuvent être désignés par le Président de la République, en cas de nécessité;

6° ba Guverineri b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;

d) icyiciro cya kane kigizwe n'abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bakurikira:

1° Abasenateri;

2° Abadepite.

6° Governors of Provinces and the Mayor of the City of Kigali;

d) the fourth category shall be comprised of the following State High Political Leaders:

1° Senators;

2° Deputies.

6° les Gouverneurs des Provinces et le Maire de la Ville de Kigali;

d) la quatrième catégorie est composée des hauts mandataires politiques de l'Etat suivants :

1° les Sénateurs;

2° les Députés.

**UMUTWE WA II: IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU IGIHE BARI MU MIRIMO**

**CHAPTER II: ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR STATE HIGH POLITICAL LEADERS WHILE IN OFFICE**

**CHAPITRE II: INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES ALLOUES AUX HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT EN FONCTION**

**Ingingo ya 4: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika**

**Article 4: Allowances and other fringe benefits allocated to the President of the Republic**

**Article 4: Indemnités et autres avantages alloués au Président de la République**

Perezida wa Repubulika agenerwa ibi bikurikira:

The President of the Republic shall be entitled to the following:

Le Président de la République bénéficie de ce qui suit:

1° umushahara wa buri kwezi uhwanye n'umushahara ugenerwa umunyapolitiki mukuru w'Igihugu uri mu cyiciro cya kabiri wongeweho mironko ine ku ijana (40%) byawo;

1° a monthly salary equivalent to the salary allocated to a State High Political Leader of the second category with an addition of forty per cent (40%) of that salary;

1° un salaire mensuel équivalent au salaire d'un haut mandataire politique de l'Etat de la deuxième catégorie majoré de quarante pour cent (40%) ;

2° icumbi rifite ibyangombwa byose;

2° a fully furnished residence;

2° une résidence complètement équipée;

3° uburyo bwo koroherezwa ingendo;

3° transport facilitation;

3° les moyens de transport ;

- 4° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi;
- 5° uburyo bw'itumanaho;
- 6° amafaranga akoreshwa mu rugo;
- 7° kwishyurirwa fagitire z'amazi n'amashanyarazi;
- 8° uburinzi.

- 4° guest entertainment allowance;
- 5° communication facilitation;
- 6° residence allowance;
- 7° payment of water and electricity bills;
- 8° security.

- 4° des frais de représentation ;
- 5° les moyens de communication;
- 6° les frais d'intendance ;
- 7° la prise en charge de la consommation d'eau et d'électricité ;
- 8° un service de garde.

Iteka rya Perezida rigena uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bitangwa rikagena n'ingano yabyo.

A Presidential Order shall determine modalities of payment of allowances and other fringe benefits referred to in this Article.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'allocation et le montant des indemnités et autres avantages visés au présent article.

**Ingingo ya 5: Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kabiri**

**Article 5: Allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders of the second category**

**Article 5: Indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la deuxième catégorie**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kabiri bagenerwa buri wese, ibi bikurikira:

The State High Political Leaders of the second category shall each be entitled to the following:

Les hauts mandataires politiques de l'Etat de la deuxième catégorie bénéficient chacun de ce qui suit :

- 1° umushahara wa buri kwezi;
- 2° icumbi rifite ibyangombwa;
- 3° uburyo bw'ingendo;
- 4° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi;
- 5° uburyo bw'itumanaho;
- 6° amafaranga yo gukoresha mu rugo;
- 7° kwishyurirwa fagitire z'amazi n'amashanyarazi;

- 1° a monthly salary;
- 2° a furnished residence;
- 3° transport facilitation;
- 4° guest entertainment allowance;
- 5° communication facilitation;
- 6° residence allowance;
- 7° payment of water and electricity bills;

- 1° un salaire mensuel;
- 2° une résidence équipée;
- 3° les moyens de transport;
- 4° les frais de représentation;
- 5° les moyens de communication;
- 6° les frais d'intendance;
- 7° la prise en charge de la consommation d'eau et d'électricité;

- 8° uburinzi;
- 9° inkunga ya Leta yunganira nyir'ubwite kwigurira imodoka bwite;
- 10° amafaranga afasha nyir'ubwite kwita ku modoka ye bwite.

- 8° security;
- 9° State contribution for the purchase of his/her own vehicle;
- 10° lumpsum for his/her own vehicle maintenance.

- 8° un service de garde;
- 9° la contribution de l'Etat pour l'achat de leur propre véhicule;
- 10° les frais de maintenance de leur propre véhicule.

Iteka rya Perezida rigena uburyo ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bivugwa muri iyi ngingo bitangwa rikanagena n'ingano yabyo.

A Presidential Order shall determine modalities of payment and the amount of allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders provided for by this Article.

Un Arrêté Présidentiel détermine les modalités d'allocation et le montant des indemnités et autres avantages des hauts mandataires politiques de l'Etat visés au présent article.

**Ingingo ya 6: Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya gatatu**

**Article 6: Allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders of the third category**

**Article 6: Indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la troisième catégorie**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya gatatu bagenerwa buri wese ibi bikurikira:

State High Political Leaders of the third category shall each be entitled to the following:

Les hauts mandataires politiques de l'Etat de la troisième catégorie bénéficient chacun de ce qui suit:

- 1° umushahara wa buri kwezi;
- 2° indamunite y'icumbi ya buri kwezi;
- 3° amafaranga yo kwakira abashyitsi mu rwego rw'akazi;
- 4° uburyo bw'itumanaho;
- 5° uburinzi;
- 6° inkunga yo kwishakira ibikoresho byo mu nzu itangwa rimwe gusa;
- 7° inkunga ya Leta yunganira nyir'ubwite mu kwigurira imodoka bwite;

- 1° a monthly salary;
- 2° monthly accommodation allowance;
- 3° guest entertainment allowance;
- 4° communication facilitation;
- 5° security;
- 6° grant for home equipment provided only once;
- 7° State contribution for the purchase of his/her own vehicle;

- 1° un salaire mensuel ;
- 2° une indemnité mensuelle de logement;
- 3° des frais de représentation;
- 4° les moyens de communication ;
- 5° un service de garde ;
- 6° une contribution de l'Etat aux frais d'équipement accordés une seule fois;
- 7° la contribution de l'Etat pour l'achat de leur propre véhicule ;

8° amafaranga afasha nyir'ubwite mu kwita ku modoka ye bwite.

8° lumpsum for his/her own vehicle maintenance.

8° les frais de maintenance de leur propre véhicule.

Iteka rya Perezida rigena uburyo ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bivugwa muri iyi ngingo bitangwa rikanagena ingano yabyo.

A Presidential Order shall determine modalities of payment and the amount of allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders provided for by this Article.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'allocation et le montant des indemnités et autres avantages des hauts mandataires politiques de l'Etat visés au présent article.

**Ingingo ya 7: Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kane**

**Article 7: Allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders of the fourth category**

**Article 7: Indemnités et autres avantages alloués aux hauts mandataires politiques de l'Etat de la quatrième catégorie**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kane bagenerwa buri wese ibi bikurikira:

State High Political Leaders of the fourth category shall each be entitled to the following:

Les hauts mandataires politiques de l'Etat de la quatrième catégorie bénéficient chacun de ce qui suit :

- 1° umushahara wa buri kwezi;
- 2° indamunite y' icumbi ya buri kwezi;
- 3° uburyo bw'itumanaho;
- 4° inkunga ya Leta yunganira nyir'ubwite kwigurira imodoka ye bwite;
- 5° amafaranga afasha nyir'ubwite mu kwita ku modoka ye bwite.

- 1° a monthly salary;
- 2° monthly accommodation allowance;
- 3° communication facilitation;
- 4° State contribution for the purchase of his/her own vehicle;
- 5° lumpsum for his/her own vehicle maintenance.

- 1° un salaire mensuel ;
- 2° une indemnité mensuelle de logement;
- 3° les moyens de communication;
- 4° une contribution de l'Etat pour l'achat de leur propre véhicule ;
- 5° les frais de maintenance de leur propre véhicule.

Iteka rya Perezida rigena uburyo ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bivugwa muri iyi ngingo bitangwa rikanagena n'ingano yabyo.

A Presidential Order shall determine modalities of payment and the amount of allowances and other fringe benefits for State High Political Leaders provided for in this Article

Un Arrêté Présidentiel détermine les modalités d'allocation et le montant des indemnités et autres avantages des hauts mandataires politiques de l'Etat visés au présent article.

**Ingingo ya 8: Inzandiko z'inzira**

Uburyo abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bavugwa muri iri tegeko ngenga bahabwa inzandiko z'inzira n'uburyo bazikoresha bigenwa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 9: Ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu**

Iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza agenga ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu ku Banyapolitiki Bakuru b'Igihugu.

**Ingingo ya 10: Ubutumwa bw'akazi mu mahanga**

Iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza agenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga n'ibyicaro mu ndege ku Banyapolitiki Bakuru b'Igihugu.

**Ingingo ya 11: Uburyo bwo kwivuza**

Abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bivuzwa hakurikijwe amategeko akoreshwa mu kuvuza Abakozi ba Leta.

**Article 8: Travel documents**

Modalities for obtaining and using travel documents for High Political Leaders referred to in this Organic Law shall be determined by the relevant Laws.

**Article 9: Official missions inside the Country**

A Presidential Order shall establish instructions for official missions inside the Country for State High Political Leaders.

**Article 10: Official missions outside the Country**

A Presidential Order shall establish instructions for official missions outside the Country as well as travel aviation classes for State High Political Leaders.

**Article 11: Medical treatment**

State High Political Leaders shall be entitled to medical treatment according to Laws governing medical treatment to civil servants.

**Article 8: Documents de voyage**

Les modalités d'obtention et d'usage des documents de voyage pour les hauts mandataires politiques de l'Etat visés par la présente loi organique sont définies par les lois en la matière.

**Article 9: Missions officielles à l'intérieur du pays**

Un arrêté présidentiel édicte les instructions relatives aux missions officielles à l'intérieur du pays pour les hauts mandataires politiques de l'Etat.

**Article 10: Missions officielles à l'extérieur du pays**

Un arrêté présidentiel édicte les instructions relatives aux missions officielles à l'extérieur du pays ainsi que les classes pour les voyages en avion pour les hauts mandataires politiques de l'Etat.

**Article 11: Soins médicaux**

Les hauts mandataires politiques de l'Etat jouissent du même régime des soins médicaux que celui des agents de l'Etat.

**Ingingo ya 12: Amafaranga y'ishyingura n'ay' impozamarira**

Mu gihe umunyapolitiki mukuru w'Igihugu afuye akiri mu mirimo ye, Leta ifasha umuryango wa nyakwigendera mu mihango y'ishyingura, kandi ikanawugenera amafaranga y'impozamarira.

Haseguriwe igihe n'ibindi byubahirizwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 13, iya 19 n'ya 20 z'iri tegeko ngenga, ugufashwa na Leta kuvugwa mu gika kibanziriza iki gukorwa kandi iyo umunyapolitiki mukuru w'Igihugu afuye yaracyuye igihe.

Iteka rya Perezida rigena uburyo amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira ahabwa umuryango wa nyakwigendera atangwa n'ingano yayo.

**Article 12: Burial expenses and death allowance**

Where a State High Political Leader dies while still in office, the State shall assist the family of the deceased in burial ceremonies and grant it a death allowance.

Notwithstanding time limits and conditions stipulated in Articles 13, 19 and 20 of this Organic Law, the assistance referred to under the preceding paragraph, shall be carried out even where a former State High Political Leader dies after completion of his/her political mandate.

A Presidential Order shall determine the amount for burial and death allowance and modalities to grant them to the family of the deceased.

**Article 12: Frais funéraires et indemnité de décès**

En cas de décès d'un haut mandataire politique de l'Etat en fonction, l'Etat assiste la famille du défunt dans les cérémonies funéraires et accorde à celle-ci une indemnité de décès.

Sous réserve des délais et conditions fixés aux articles 13, 19 et 20 de la présente loi organique, l'assistance visée à l'alinéa précédent est accordée, même en cas de décès d'un ancien haut mandataire politique de l'Etat ayant terminé son mandat politique.

Un arrêté présidentiel détermine le montant et les modalités d'octroi des frais funéraires et de l'indemnité de décès allouée à la famille du défunt.



**UMUTWE WA III: IBIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU IYO BACYUYE IGIHE**

**Ingingo ya 13: Ibyubahirizwa mu gutanga ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe**

Ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe biteganywa n'iri tegeko ngenga kandi akabihabwa gusa iyo aba mu Rwanda kandi atarakatiwe igihano n'inkiko kubera kugambanira igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga.

Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika ucyuye igihe afite umurimo utuma aba mu mahanga, yarawuhawe cyangwa yarawushyigikiwemo na Leta, akomeza guhabwa ibyo agenerwa n'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 14: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 13 y'iri tegeko ngenga, Perezida wa Repubulika

**CHAPTER III: ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS FOR FORMER STATE HIGH POLITICAL LEADERS**

**Article 13: Conditions for granting allowances and other fringe benefits to a former President of the Republic**

The allowances and other fringe benefits provided for by this Organic Law, shall be granted to a former President of the Republic only when he/she resides in Rwanda and has never been sentenced by Courts for high treason or grave and deliberate violation of the Constitution.

However, if a former President of the Republic has got a post which requires him/her to stay abroad and to which he/she has been assigned or recommended by the State, he/she shall continue to be allocated the allowances and other benefits provided for by this Organic Law.

**Article 14: Allowances and other fringe benefits for a former President of the Republic**

Notwithstanding the provisions of Article 13 of this Organic Law, a former President of the

**CHAPITRE III: INDEMNITES ET AUTRES AVANTAGES DES ANCIENS HAUTS MANDATAIRES POLITIQUES DE L'ETAT**

**Article 13: Conditions d'octroi des indemnités et autres avantages à allouer à un ancien Président de la République**

Un ancien Président de la République ne bénéficie des indemnités et d'autres avantages prévus par la présente loi organique que lorsqu'il a sa résidence au Rwanda et qu'il n'a pas été condamné par les juridictions pour un crime de haute trahison ou pour violation grave et délibérée de la Constitution.

Toutefois, lorsqu'un ancien Président de la République occupe une fonction qui l'oblige à résider à l'étranger et dans laquelle il est nommé ou recommandé par l'Etat, il continue de bénéficier des indemnités et autres avantages prévus par la présente loi organique.

**Article 14: Indemnités et autres avantages alloués à un ancien Président de la République**

Sans préjudice des dispositions de l'article 13 de la présente loi organique, un ancien

*Official Gazette n° 36 of 03 September 2012*

ucyuye igihe, akomeza guhabwa na Leta, buri kwezi mu buzima bwe bwose, amafaranga angana na mirongo inani ku ijana (80%) by'umushahara Perezida wa Repubulika uriho ahabwa.

Leta imugenera kandi mu buzima bwe bwose ibi bikurikira:

- 1° icumbi rifite ibyangombwa byose cyangwa amafaranga y'icumbi;
- 2° uburyo bwo koroherezwa ingendo;
- 3° amafaranga yo kwakira abashyitsi;
- 4° uburyo bw' itumanaho;
- 5° kwishyurirwa fagitire z'amazi n'amashanyarazi;

6° uburinzi;

Iyo Perezida wa Repubulika ucyuye igihe agenewe inzu ya Leta, Leta ikomeza kuyifata neza no kuyisana.

Iteka rya Perezida rigena uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bitangwa rikagena n'ingano yabyo.

Republic shall continue to be granted, for the rest of his/ her life, monthly emoluments equivalent to eighty per cent (80%) of the salary granted to the incumbent President of the Republic.

The State shall also grant him/her for the rest of his/her life fringe benefits as follows:

- 1° a fully furnished residence or accommodation allowance;
- 2° transport facilitation;
- 3° guest entertainment allowance;
- 4° communication facilitation;
- 5° payment of water and electricity;
- 6° security;

Where a former President of the Republic is given an official-residential house, the State shall continue to ensure its maintenance.

A Presidential Order shall determine modalities of payment and the amount of allowances and benefits referred to in this Article.

Président de la République, continue à percevoir, pendant toute sa vie, les émoluments mensuels équivalents à quarante-vingt pour cent (80 %) du salaire alloué au Président de la République en exercice.

L'Etat lui accorde aussi pendant toute sa vie des avantages suivants :

- 1° une résidence complètement équipée ou une indemnité de logement ;
- 2° les moyens de transport ;
- 3° des frais de représentation ;
- 4° les moyens de communication;
- 5° la prise en charge de la consommation d'eau et d'électricité ;
- 6° un service de garde;

Lorsqu'un ancien Président de la République occupe une maison appartenant à l'Etat, celui-ci continue à l'entretenir et à la réhabiliter.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'allocation et le montant des indemnités et avantages visés au présent article.

**Ingingo ya 15: Ibigenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe akaba Senateri**

Iyo Perezida wa Repubulika ucyuye igihe abaye Senateri, akomeza guhabwa ibyo Perezida wa Repubulika ucyuye igihe yemererwa n'iri tegeko ngenga ariko ntibikomatanywa n'ibihabwa Abasenateri.

**Ingingo ya 16: Uburyo bwo kwivuzwa kuri Perezida wa Repubulika ucyuye igihe**

Perezida wa Repubulika ucyuye igihe n'Umuryango we bivuzwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko ngenga.

**Ingingo ya 17: Kwishingira urugendo rwo mu mahanga rwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe**

Perezida wa Repubulika ucyuye igihe agira uburenganzira bwo kwishyurirwa urugendo bwite rwo mu mahanga inshuro imwe mu mwaka, agiye wenyine cyangwa aherekejwe n'uwu bashakanye. Igihe Leta yishingirira urwo rugendo ntikigomba kurenga iminsi cumi n'itanu (15).

**Article 15: Allowances and other fringe benefits for a former President of the Republic who becomes a Senator**

Where a former President of the Republic becomes Senator, he / she continues to be granted allowances and other benefits provided for by this Organic Law to a former President of the Republic but such allowances and benefits shall not be cumulated with those granted to Senators.

**Article 16: Medical treatment for a former President of the Republic**

A former President of the Republic and his / her family shall be given medical treatment according to the provisions of Article 11 of this Organic Law.

**Article 17: Travel expenses abroad for a former President of the Republic**

The State shall pay one yearly private trip for a former President of the Republic outside the Country, whether alone or accompanied by his/her spouse. The length of the stay catered for by the State shall not exceed fifteen (15) calendar days.

**Article 15: Indemnités et autres avantages alloués à un ancien Président de la République devenu Sénateur**

Lorsqu'un ancien Président de la République devient Sénateur, il continue de bénéficier les indemnités et avantages que la présente loi organique accorde à un ancien Président de la République, mais ces indemnités et avantages ne sont pas cumulés avec ceux alloués aux Sénateurs.

**Article 16: Soins médicaux pour un ancien Président de la République**

Un ancien Président de la République ainsi que sa famille bénéficient du régime de soins médicaux prévu par l'article 11 de la présente loi organique.

**Article 17: Prise en charge du voyage à l'étranger pour un ancien Président de la République**

L'Etat prend en charge le voyage privé à l'étranger pour un ancien Président de la République une fois par an, qu'il soit seul ou accompagné par son conjoint. La période de séjour à l'étranger que l'Etat prend en charge ne peut excéder quinze (15) jours calendriers.

Perezida wa Repubulika ucyuye igihe ashobora kandi kujya mu butumwa bw'Igihugu mu mahanga.

A former President of the Republic may also go on official mission outside the Country.

Un ancien Président de la République peut effectuer une mission officielle à l'étranger.

Iteka rya Perezida rigena ibyo Perezida wa Repubulika ucyuye igihe ahabwa iyo agiye mu butumwa bw'Igihugu no mu rugendo bwite mu mahanga kandi rikanagena icyicaro ahabwa mu ndege.

A Presidential Order shall determine allowances and other benefits to be granted to a former President of the Republic on an official mission or private trip abroad and shall also determine his/her travel aviation class.

Un arrêté présidentiel détermine les frais alloués à un ancien Président de la République en mission officielle ou voyage privé à l'étranger et détermine sa classe pour les voyages en avion.

**Ingingo ya 18: Gufasha umuryango wa Perezida wa Repubulika upfuye ari mu mirimo cyangwa upfuye yaracyuye igihe**

**Article 18: Assisting the family of the President of the Republic or a former President of the Republic when he/she dies**

**Article 18: Assistance à la famille en cas de décès du Président de la République ou d'un ancien Président de la République**

Mu gihe Perezida wa Repubulika cyangwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe apfuye, Leta ikomeza gufasha umuryango we.

When the President of the Republic or a former President of the Republic dies, the State continues to assist his / her family.

Lorsque le Président de la République ou un ancien Président de la République meurt, l'Etat continue à assister sa famille.

Leta igenera muri icyo gihe uwashakanye na nyakwigendera kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara ugenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe n'ibindi bidatangwa mu mafaranga bivugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko ngenga.

The State shall allocate to the spouse an equivalent of one half (1/2) of the salary granted to a former President of the Republic and other non monetary benefits referred to in article 14 of this Organic Law.

L'Etat accorde au conjoint du Président défunt la moitié (1/2) du salaire alloué à un ancien Président de la République et d'autres avantages non numéraires prévus à l'article 14 de la présente loi organique.

Iyo uwashakanye na nyakwigendera yongeye gushaka cyangwa na we apfuye, Leta ikomeza kugenera kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara ugenerwa Perezida wa Repubulika ucyuye igihe n'ibindi bidatangwa

In case the spouse remarries or dies, the State shall continue to grant one half (1/2) of the salary granted to a former President of the Republic and other non monetary benefits referred to in Article 14 of this Organic Law

Lorsque le conjoint du défunt se remarie ou meurt, l'Etat continue à donner à l'ensemble de tous les enfants n'ayant pas encore atteint l'âge de dix huit (18) ans ou de vingt cinq (25) ans lorsqu'ils sont encore à l'école, la

mu mafaranga bivugwa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko ngenza abana bose hamwe basigaye batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa makumyabiri n'itanu (25), iyo bakiri abanyeshuri.

**Ingingo 19: Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya kabiri iyo bacyuye igihe**

Iyo umunyapolitiki mukuru w'Igihugu uri mu cyiciro cya kabiri acyuye igihe atavanyweho icyizere nta n'icyaha cyerekeye imirimo yari ashinzwe kimuhama, akomeza guhabwa mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) umushahara n'ibindi yari asanzwe ahabwa buri kwezi.

Iyo yahawe undi murimo na Leta kandi akiri mu mwanya we wa politiki cyangwa nyuma y'iyoye mirimo mu gihe giteganyijwe mu gika kibanziriza iki, akabona umushahara n'ibindi agenerwa biri muni y'ibyo yahabwaga, Leta imwongerera ikinyuranyo.

to all children under eighteen (18) years or twenty five (25) years old when still studying.

**Article 19: Allowances and other fringe benefits for former State High Political Leaders of the second category**

Where a State High Political Leader of the second category leaves office without any vote of no confidence passed against him/her and has never been sentenced of any crime in relation to his/her duties, he/she shall continue to be granted for twelve (12) months, his/her monthly salary and other benefits.

Where he/she is appointed to another post by the State and is still a political leader or after this position during the period provided for by the preceding paragraph, and such post allows him/her to get the monthly salary and other fringe benefits that are lesser than those he/she was being granted, the State shall provide him/her with the balance.

moitié (1/2) du salaire alloué à un ancien Président de la République mentionnés à l'article 14 de la présente loi organique.

**Article 19: Indemnités et autres avantages alloués aux anciens hauts mandataires politiques de l'Etat de la deuxième catégorie**

Lorsqu'un haut mandataire politique de l'Etat de la deuxième catégorie quitte ses fonctions sans avoir fait l'objet d'une motion de censure et sans avoir été condamné pour une infraction quelconque en rapport avec ses anciennes fonctions, il continue de percevoir, pendant une période de douze (12) mois, le salaire et d'autres avantages qui lui étaient alloués chaque mois.

Lorsqu'il est nommé par l'Etat à un autre poste alors qu'il jouit toujours de la qualité de mandataire politique de l'Etat ou après qu'il ait cessé ses fonctions de mandataire politique et ce pendant la période prévue à l'alinéa précédent et qu'il obtient un salaire et d'autres avantages inférieurs à ceux qu'il percevait, l'Etat lui en accorde la différence.

**Ingingo 20: Ibigenerwa abanyapolitiki bakuru b'Igihugu bari mu cyiciro cya gatatu n'icya kane iyo bacyuye igihe**

Mu gihe umunyapolitiki mukuru w'Igihugu uri mu cyiciro cya gatatu cyangwa icya kane avuye mu mirimo ye, atavanyweho icyizere cyangwa adahamwe n'icyaha cyerekeranye n'imirimo ashinzwe, akomeza guhabwa umushahara n'ibindi yari asanzwe ahabwa buri kwezi mu gihe cy'amezi atandatu (6).

Iyo yahawe undi murimo na Leta kandi akiri mu mwanya we wa politiki cyangwa nyuma y'iyi mirimo mu gihe giteganyijwe mu gika kibanziriza iki, akabona umushahara n'ibindi agenerwa biri muni y'ibyo yahabwaga, Leta imwongerera ikinyuranyo.

**Ingingo ya 21: Uburenganzira uwahoze ari umunyapolitiki mukuru w'Igihugu yemerewe ku nkunga yahawe na Leta yo kugura imodoka bwite**

Mu gihe umunyapolitiki mukuru w'Igihugu uri mu cyiciro cya kabiri, icya gatatu cyangwa icya kane acyuye igihe kandi yari

**Article 20: Allowances and other fringe benefits for former State High Political Leaders in the third and fourth categories**

Where a State High Political Leader of the third or fourth category leaves office without any vote of no confidence passed against him/her and has never been sentenced of any crime in relation to his/her duties, he/she shall continue to be granted his/her monthly salary and other fringe benefits he/she was entitled to for six (6) months.

Where he/she is appointed to another post by the State and is still a political leader or after this position during the period provided for by the preceding paragraph, and such post allows him/her to get the monthly salary and other fringe benefits that are lesser than those he/she was being granted, the State shall provide him/her with the balance.

**Article 21: Rights granted to a former State High Political Leader on State contribution for the purchase of his/her own vehicle**

When a State High Political Leader in the second, third or fourth category ceases his/her political position while he/she has got a State

**Article 20: Indemnités et autres avantages alloués aux anciens hauts mandataires politiques de l'Etat de la troisième et quatrième catégorie**

<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Izamurwa mu ntera rya ofisiye	<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Officer's promotion	<b><u>Article 28:</u></b> L'avancement en grade d'un officier
<b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Gushyira mu rwego rwa baOfisiye abategurirwa kuba ba Ofisiye	<b><u>Article 29:</u></b> Commissioning Officer Cadets	<b><u>Article 29 :</u></b> Nomination des candidats Officiers au grade d'Officier
<b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Ububasha bwihariye bw'Umugaba w'ikirenga w'Ingabo mu kuzamura ba ofisiye mu ntera	<b><u>Article 30:</u></b> Special powers of the Commander in Chief to promote Officers	<b><u>Article 30:</u></b> Les pouvoirs particuliers du Commandant Suprême des Forces Rwandaises de Défense en ce qui concerne la promotion d'Officiers
<b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Izamurwa mu ntera rya Su-ofisiye	<b><u>Article 31:</u></b> Promotion of a Non Commissioned Officer	<b><u>Article 31:</u></b> L'avancement d'un sous-Officier

<b><u>Ingingo ya 32:</u> Uburyo Su-ofisiye azamurwa mu ntera</b>	<b><u>Article 32:</u> Promotion modalities for a Non Commissioned Officer</b>	<b><u>Articles 32:</u> Les modalités d'avancement en grade d'un Sous- Officier</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Ingaruka zo kutazamurwa mu ntera inshuro eshatu (3) zikurikirana</b>	<b><u>Article 33:</u> Consequences for failure to be promoted for three (3) consecutive times</b>	<b><u>Article 33:</u> Les conséquences de rater la promotion trois (3) fois consécutives</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Izamurwa mu ntera mu rwego rwisumbuye ku basirikare bo mu rwego rw'abasirikare bato</b>	<b><u>Article 34:</u> Promotion of Troops class to higher class</b>	<b><u>Article 34 :</u> Promotion des militaires de la classe des hommes de troupe à la classe supérieure.</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Uburyo abasirikare bato bazamurwa mu ntera</b>	<b><u>Article 35:</u> Promotion modalities for Troops class</b>	<b><u>Article 35:</u> Modalités d'avancement en grade des hommes de troupe</b>
<b><u>UMUTWE WA V: KWIMURWA, GUTIZWA NO KWINJIZWA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: TRANSFER, SECONDMENT AND INTEGRATION</u></b>	<b><u>CHAPITRE V : TRANSFERT, DETACHEMENT ET INTEGRATION</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwimurwa</b>	<b><u>Section One:</u> Transfers</b>	<b><u>Section première :</u> Transferts</b>
<b><u>Ingingo ya 36:</u> Kwimurwa mu cyiciro kimwe cy'Ingabo z'u Rwanda</b>	<b><u>Article 36:</u> Transfer within one service</b>	<b><u>Article 36 :</u> Transfert au sein d'une armée</b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u> Kwimurirwa mu zindi nzego za Leta</b>	<b><u>Article 37:</u> Transfer to other public institutions</b>	<b><u>Article 37 :</u> Transfert aux autres institutions étatiques</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Gutizwa</b>	<b><u>Section 2:</u> Secondment</b>	<b><u>Section 2 :</u> Détachement</b>
<b><u>Ingingo ya 38:</u> Gutizwa</b>	<b><u>Article 38:</u> Secondment</b>	<b><u>Article 38 :</u> Détachement</b>
<b><u>Ingingo ya 39:</u> Iyemezwa ry'itizwa n'igihe ritangirira</b>	<b><u>Article 39:</u> Decision on secondment and its commencement</b>	<b><u>Article 39 :</u> Décision et sortie des effets du détachement</b>
<b><u>Ingingo ya 40:</u> Uburenganzira</b>	<b><u>Article 40:</u> Rights related to secondment</b>	<b><u>Article 40 :</u> Droits liés au détachement</b>

bw'umusirikare watijwe

Iciviro cya 3: Ukwinjizwa

ngingo ya 41: Ukwinjizwa

INTERURO YA IV: INSHINGANO, IBIBUJIJWE, IBITABANGIKANYWA N'UBURENGANZIRA

UMUTWE WA MBERE: INSHINGANO

Ingingo ya 42: Ukubaha n'Inshingano

UMUTWE WA II: IBIBUJIJWE

Ingingo ya 43: Ibyo umusirikare abujijwe

UMUTWE WA III: IBITABANGIKANYWA

Ingingo ya 44: Ibitabangikanywa

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA

Ingingo ya 45: Uburenganzira bwo gusoma dosiye

Ingingo ya 46: Uburenganzira bwo kujurira

UMUTWE WA V: GUHAGARIKA

Section 2: Integration

Article 41: Integration

TITLE IV: RESPONSIBILITIES, PROHIBITIONS, INCOMPATIBILITIES AND RIGHTS

CHAPTER ONE: RESPONSIBILITIES

Article 42: Obedience and responsibility

CHAPTER II: PROHIBITIONS

Article 43: Prohibited actions

CHAPTER III: INCOMPATIBILITIES

Article 44: Incompatible actions

CHAPTER IV: RIGHTS

Article 45: Right to consult personal file

Article 46: Right to appeal

CHAPTER V: INTERRUPTION OF

Section 2 : Intégration

Article 41 : Intégration

TITRE IV : DEVOIRS, INTERDICTIONS, INCOMPATIBILITES ET DROITS

CHAPITRE PREMIER: DES DEVOIRS

Article 42 : Obéissance et responsabilités

CHAPITRE II : INTERDICTIONS

Article 43 : Actes interdits

CHAPITRE III : INCOMPATIBILITÉS

Article 44: Actions incompatible

CHAPITRE IV : DROITS

Article 45 : Droit de consulter le dossier personnel

Article 46 : Droit de recours

CHAPITRE V : INTERRUPTION DU

**UMURIMO WA GISIRIKARI**

**MILITARY ACTIVITY**

**SERVICE MILITAIRE**

**Icyiciro cya mbere: Guhagarika umurimo igihe gito**

**Section One: Temporary interruption**

**Section première : Interruption temporaire**

**Ingingo ya 47: Uguhagarika umurimo igihe gito**

**Article 47: Interruption of active service**

**Article 47 : Interruption d'activité**

**Akiciro ka mbere: Ingendo z'ubutumwa bwa Leta**

**Sub-section One : Official mission**

**Sous section première : Mission officielle**

**Ingingo ya 48: Amategeko agenga ingendo z'ubutumwa**

**Article 48: Regulations regarding official missions**

**Article 48 : Textes réglementaires régissant les missions officielles**

**Akiciro ka 2: Ibiruhuko n'impushya zo gusiba**

**Sub-section 2: Leave and authorized absence**

**Sous section 2 : Repos et et absence autorisée**

**Ingingo ya 49: Ikiruhuko cy'umwaka**

**Article 49: Annual leave**

**Article 49 : Congé annuel**

**Ingingo ya 50: Ibiruhuko by'Ingoboka**

**Article 50: Circumstantial leave**

**Article 50: Congé de circonstance**

**Ingingo ya 51: Ikiruhuko cyo kubyara**

**Article 51: Maternity leave**

**Article 51 : Congé de maternité**

**Ingingo ya 52: Ikiruhuko cy'uburwayi**

**Article 52: Sick leave**

**Article 52 : Congé de maladie**

**Ingingo ya 53: Impushya zo gusiba zemewe**

**Article 53: Authorized absence**

**Article 53: Absence exceptionnelle autorisée**

**Ingingo ya 54: Guhuriza hamwe ibiruhuko**

**Article 54: Consolidation of leaves**

**Article 54: Cumul de congés**

**Ingingo ya 55: Uburenganzira bwo gutanga impushya**

**Article 55: Right to issue authorisation**

**Article 55 : Autorisation**



<b><u>Akiciro ka 3:</u> Amahugurwa</b>	<b><u>Sub-section 3:</u> Courses</b>	<b><u>Sous section 3 :</u> Stages de perfectionnement</b>
<b><u>Ingingo ya 57:</u> Ibyiciro</b>	<b><u>Article 57:</u> Categories</b>	<b><u>Article 57 :</u> Catégories</b>
<b><u>Ingingo ya 58:</u> Amahugurwa ya gisirikare</b>	<b><u>Article 58:</u> Military course</b>	<b><u>Article 58:</u> Stages de formation militaires</b>
<b><u>Article 59:</u> Inyigisho zisanzwe</b>	<b><u>Article 59:</u> Formal education</b>	<b><u>Article 59 :</u> Enseignement scolaire et universitaire</b>
<b><u>Ingingo ya 60:</u> Ibigererwa abari ku mahugurwa</b>	<b><u>Article 60:</u> Rights of soldiers undergoing courses</b>	<b><u>Article 60 :</u> Droits des militaires en stage</b>
<b><u>Akiciro ka ka 4:</u> Guhagarika umurimo by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi</b>	<b><u>Sub-section 4:</u> Suspension of activity of activity due to sickness</b>	<b><u>Sous-section 5 :</u> Suspension d'activité pour cause de maladie</b>
<b><u>Ingingo ya 61:</u> Uguharika umurimo by'agateganyo kubera impamvu z'uburwayi n'Igihe bimara</b>	<b><u>Article 61:</u> Temporary suspension of activity due to sickness and the duration of the suspension</b>	<b><u>Article 61 :</u> La suspension d'activité pour cause de maladie et la durée de cette suspension</b>
<b><u>Ingingo ya 62:</u> Uburenganzira bw'umusirikari wahagaritswe by'agateganyo kubera uburwayi</b>	<b><u>Article 62:</u> Rights of soldier in temporary suspension due to sickness</b>	<b><u>Article 62 :</u> Droits d'un militaire en suspension temporaire pour cause de maladie</b>
<b><u>Ingingo ya 63:</u> Kurangira ku ihagarikar ry'umurimo by'agateganyo</b>	<b><u>Article 63:</u> Termination of temporary suspension of activity</b>	<b><u>Article 63 :</u> Fin de la suspension d'activité</b>
<b><u>Ingingo 64:</u> Umutegetsi ufite ububasha bwo guharika by'agateganyo ku murimo kubera uburwayi</b>	<b><u>Article 64:</u> Competent authority for deciding temporary suspension of activity for sickness</b>	<b><u>Article 64 :</u> Autorité compétente pour décider la suspension d'activité pour cause de maladie</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Uguhagarikwa ku kazi</b>	<b><u>Section 2:</u> Suspension due to faults or</b>	<b><u>Section 2 :</u> Suspension pour cause de fautes</b>

kubera amakosa cyangwa icyaha	offenses committed	or infractions commises
<b><u>Ingingo ya 65:</u></b> Guhagarikwa ku kazi bitewe n'imyitwarire mibi	<b><u>Article 65:</u></b> Disciplinary suspension	<b><u>Article 65 :</u></b> Suspension disciplinaire
<b><u>Ingingo ya 66:</u></b> Ihagarikwa ritewe no gukurikiranwaho icyaha	<b><u>Article 66:</u></b> Suspension due to criminal investation	<b><u>Article 66 :</u></b> Suspension suite d'une investagation criminelle
<b><u>Ingingo ya 67:</u></b> Ingaruka zo guhagarikwa ku kazi	<b><u>Article 67:</u></b> Consequences of suspension	<b><u>Article 67 :</u></b> Effets de suspension
<b><u>Ingingo ya 68:</u></b> Irangizwa ry'ihagarikwa ku kazi by'agateganyo	<b><u>Article 68:</u></b> Termination of temporary suspension	<b><u>Article 68 :</u></b> Fin de suspension
<b><u>INTERURO YA V:</u></b> UMUSHAHARA N'IBINDI BIGENERWA ABASIRIKARI	<b><u>TITLE V:</u></b> SALARY AND FRINGE BENEFITS FOR A SOLDIER	<b><u>TITRE V:</u></b> SALAIRE ET AUTRE AVANTAGES POUR UN MILITAIRE
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Umushahara	<b><u>Section One:</u></b> Salary	<b><u>Section première :</u></b> Salaire
<b><u>Ingingo ya 69:</u></b> Umushahara	<b><u>Article 69:</u></b> Salary	<b><u>Article 69 :</u></b> Salaire
<b><u>Ingingo ya 70:</u></b> Ibigize umushahara n'uko utangwa	<b><u>Article 70:</u></b> Components of the salary and its paiement	<b><u>Article 70 :</u></b> Les composantes du salaire et son payement
<b><u>Ingingo ya 71:</u></b> Umutegetsu ufite ububasha bwo kwemeza ingereka ku mushahara	<b><u>Article 71:</u></b> Authority empowered to determine allowances	<b><u>Article 71 :</u></b> L'autorité déterminant les indemnités
<b><u>Ingingo ya 72:</u></b> Umushahara w'abategurirwa kuba ba ofisiye n'amakurutu	<b><u>Article 72:</u></b> Salary for Officer cadets and recruits	<b><u>Article 72:</u></b> Salaire des candidats officiers et des recrues
<b><u>Ingingo ya 73:</u></b> Ingereka yongerwa ku	<b><u>Article 73:</u></b> Annual increment to the salary	<b><u>Article 73 :</u></b> Augmentations annuelles

<b>mushahara buri mwaka</b>	<b>of military personnel</b>		
<b><u>Iciviro cya 2:</u> Ibindi abasirikari bagenerwa</b>	<b><u>Section 2:</u> Fringe benefits</b>	<b><u>Section 2 :</u> Autres avantages</b>	
<b><u>Ingingo ya 74:</u> Ibindi abasirikare bagenerwa</b>	<b><u>Article 74:</u> Fringe benefits of military personnel</b>	<b><u>Article 74 :</u> D'autres avantages du personnel militaire</b>	
<b><u>Ingingo ya 75:</u> Agahimbazamusyi ko kwinjira</b>	<b><u>Article 75:</u> Entry allowance</b>	<b><u>Article 75 :</u> Frais d'incorporation</b>	
<b><u>Ingingo ya 76:</u> Amafaranga ahabwa abarangije amasezerano</b>	<b><u>Article 76:</u> End of contract package</b>	<b><u>Article 76 :</u> Indemnités de fin de contrat</b>	
<b><u>Ingingo ya 77:</u> Amafaranga ahabwa abagiye mu zabukuru</b>	<b><u>Article 77:</u> Retirement package</b>	<b><u>Article 77:</u> Indemnité de retraite</b>	
<b><u>Ingingo ya 78:</u> Amafaranga y'impozamarira</b>	<b><u>Article 78:</u> Death allowances</b>	<b><u>Article 78 :</u> Indemnité de décès</b>	
<b><u>Ingingo ya 79:</u> Amafaranga y'ishyingura</b>	<b><u>Article 79:</u> Funeral expenses</b>	<b><u>Article 79 :</u> Frais funéraires</b>	
<b><u>Ingingo ya 80:</u> Imidari y'ishimwe n'ibindi bimenyetso</b>	<b><u>Article 80:</u> Medals and distinctions</b>	<b><u>Article 80 :</u> Médailles et titres honorifiques</b>	
<b><u>INTERURO YA VI:</u> IBIHANO BW'IMYITWARIRE</b>	<b><u>TITLEVI:</u> DISCIPLINARY MEASURES</b>	<b><u>TITRE VI :</u> REGIME DISCIPLINAIRE</b>	
<b><u>Ingingo ya 81:</u> Ikosa ry'imyitwarire</b>	<b><u>Article 81:</u> Disciplinary fault</b>	<b><u>Article 81 :</u> Faute disciplinaire</b>	
<b><u>Ingingo ya 82:</u> Ingaruka ry'ikosa ry'imitwarire</b>	<b><u>Article 82:</u> Consequences of a disciplinary fault</b>	<b><u>Article 82:</u> Les Conséquences d'une faute disciplinaire</b>	

<b><u>Ingingo ya 83:</u> Ikurikiranwa mu rwego rwa disipulini</b>	<b><u>Article 83:</u> Disciplinary action</b>	<b><u>Article 83:</u> L'action disciplinaire</b>
<b><u>INTERURO YA VII:</u> KUREKA AKAZI</b>	<b><u>TITLE VII:</u> CESSATION OF SERVICE</b>	<b><u>TITRE VII:</u> FIN DU SERVICE MILITAIRE</b>
<b><u>Ingingo ya 84:</u> Impamvu zo kureka akazi</b>	<b><u>Article 84:</u> Causes of cessation of service</b>	<b><u>Article 84 :</u> Les causes de la cessation de service</b>
<b><u>Ingingo ya 85:</u> Ikiruhuko cy'izabukuru ku musirikari w'umwuga</b>	<b><u>Article 85:</u> Retirement for a career soldier</b>	<b><u>Article 85 :</u> La retraite pour un militaire de carrière</b>
<b><u>Ingingo ya 86:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo kwemeze ikiruhuko cy'izabukuru</b>	<b><u>Article 86:</u> Authority entrusted with the power to decide the retirement</b>	<b><u>Article 86 :</u> Autorité d'admission à la retraite</b>
<b><u>Ingingo ya 87:</u> Gusaba guhagarika umurimo</b>	<b><u>Article 87:</u> Application for cessation of service</b>	<b><u>Article 87 :</u> La demande de cessation de service</b>
<b><u>Ingingo ya 88:</u> Gusezerera ku kazi umusirikare ufite ubumuga</b>	<b><u>Article 88:</u> Discharge of a soldier with disability</b>	<b><u>Article 88 :</u> La réforme</b>
<b><u>Ingingo ya 89:</u> Uburenganzira nyuma yo gusezererwa mu kazi</b>	<b><u>Article 89:</u> Rights after termination of service</b>	<b><u>Article 89 :</u> Droits d'un militaire après cessation définitive de service</b>
<b><u>INTERURO YA VIII:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>TITLE VIII:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>TITRE VIII :</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 90:</u> Abashizwe kubahiriza iri teka</b>	<b><u>Article 90:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b>	<b><u>Article 90 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b>
<b><u>Ingingo ya 91:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuraniye n'iri teka</b>	<b><u>Article 91:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 91:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 92:</u> Igihe iteka ritangirira gukurizwa</b>	<b><u>Article 92:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 92:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 32/01 RYO KU WA 03/09/2012 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE Y'INGABO Z'U RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,  
Perezida wa Repubulika;**

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya110, iya112, iya113, iya 120, iya121, iya173, iya174, iya175 n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 08/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Dushingiye ku Itegeko n° 10/2011 ryo kuwa 13/05/2011 rigena inshingano, imiterere n'ububabasha by'Ingabo z'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 72/01 ryo kuwa 08/07/2002 rishyiraho amategeko rusange y'abasirikare nkuko ryavuguruwe kugeza ubu ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 13/06/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**PRESIDENTIAL ORDER N° 32/01 OF 03/09/2012 ESTABLISHING RWANDA DEFENCE FORCES SPECIAL STATUTE**

**We, Paul KAGAME,  
President of the Republic;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 110,112,113,120, 121, 173, 174,175 and 201;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service as amended to date especially in Article 3;

Pursuant to Law n° 10/2011 of 13/05/2011 determining missions, organization and powers of the Rwandan Defence Forces, especially in Article 7;

Having reviewed Presidential Order n° 72/01 of 08/07/2002 establishing the Army general Statute as amended to date;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 13/06/2012;

**ARRETE PRÉSIDENTIEL N° 32/01 DU 03/09/2012 PORTANT STATUT PARTICULIER DES FORCES RWANDAISES DE DEFENSE**

**Nous, Paul KAGAME,  
Président de la République ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses 110, 112, 113, 120, 121, 173, 174, 175 et 201;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en son article 3 ;

Vu la Loi n° 10/2011 du 13/05/2011 déterminant les missions, l'organisation et les compétences des Forces Rwandaises de Défense spécialement en son article 7;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 72/01 du 08/07/2002 portant Statut Général des Militaires ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/06/2012;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:**

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**AVONS ARRETE ET ARRETONS:**

**INTERURO YA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**TITLE ONE: GENERAL PROVISIONS**

**TITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho amategeko rusange agenga abasirikare bo mu Ngabo z'u Rwanda. Ntirireba abagize Inkeragutabara uretse igihe bahamagawe.

This Order establishes the General Statute of the Rwanda Defence Forces. It shall not apply to reservists except once called up.

Le présent arrêté porte Statut Général des Forces Rwandaises de Défense. Il ne s'applique pas aux réservistes, sauf en temps de mobilisation.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 2: Définition des termes**

Kubw'iri teka, amagambo akurikira asobanura :

For the purpose of this Order the following terms mean:

Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après signifient :

- 1 ° **RDF:** Ingabo z'u Rwanda;
- 2 ° **Amafaranga y'ishyingura:** amafaranga ahabwa umuryango w'umusirikare witabye Imana kugira ngo awufashe mu bikorwa by'ishyingura rye. Ayo mafaranga atangwa n'Ubuyobozi bw'Ingabo bubifitiye ububasha;
- 3 ° **Dispulini:** kwubahiriza amategeko, amabwiriza ya gisirikare hamwe n'ay'abamukuriye mu gisirikare.
- 4 ° **Igabanyirizwa ibiciro:** uburyo bwo korohereza abasirikare b'Ingabo z'u Rwanda n'abandi bantu bagenwa

- 1 ° **RDF:** Rwanda Defence Forces ;
- 2 ° **Funeral expenses:** amount of money allotted by the Rwanda Defence Forces competent authority to the family of a deceased RDF personnel for burial related costs;
- 3 ° **Discipline:** obedience to laws, to military regulations and to orders of one's military superiors.
- 4 ° **Discount shopping:** any privilege given to RDF personnel and others persons provided for by Law, for the reduction in

- 1 ° **RDF :** Forces Rwandaises de Defense ;
- 2 ° **Frais funéraires:** somme d'argent allouée par l'autorité compétente des Forces Rwandaises de Défense à la famille d'un militaire décédé pour des coûts relatifs à l'enterrement ;
- 3 ° **Discipline:** obéissance aux lois, aux règlements militaires ainsi qu'aux ordres des supérieurs militaires hiérarchiques.
- 4 ° **Rabais :** tout privilège donné au militaire des Forces Rwandaises de Défense et autres personnes prévus par la loi entant

- n'itegeko kugira ngo bagure ku gicirigo ibikoresho baguze mw'ihahiro rya gisirikare;
- 5° **Ikiruhuko cy'izabukuru:** igihe umusirikare yemererwa guhagarika imirimo ye, nyuma yo kugeza ku myaka runaka mu kazi, iteganyijwe n'iri teka;
- 6° **Irangira ry'amasezerano:** igihe amasezerano y'umurimo arangira kubera ko igihe yateganyirijwe kigeze;
- 7° **Igikorwa cy'urukozasoni:** igikorwa cyose kitemewe kandi giteye ipfunwe kinyuranye n'amahame n'amategeko agenga Ingabo z'u Rwanda;
- 8° **Iseswa ry'amasezano:** igihe umusirikare ahagarikwa ku mirimo ye n'Umuyoyi ubifitiye ububasha igihe cy'amasezerano y'umurimo yagiranye n'umukoresha kitaragera kubera impamvu zumvikana kandi zikurikije amategeko;
- 9° **Umushahara mbumbe:** umushahara wose uhabwa umusirikare ukubiyemo umushahara fatizo, amashimwe cyangwa utundi duhimbazamusyi duteganyijwe n'iri teka cyangwa n'amabwiriza yihariye;
- price on goods provided for by the Armed Forces Shop;
- 5° **Retirement:** the fact for RDF personnel to stop service after he/she has reached a particular age provided for by this Order;
- 6° **Termination of contract:** when a period of a service contract elapses;
- 7° **Disgraceful act:** any unacceptable and shameful action contrary to the RDF doctrine and laws thereof;
- 8° **Rescission of contract:** an end of an RDF personnel service contract decided by the RDF competent authority due to justifiable reasons and observance of procedures established by law;
- 9° **Gross salary:** amount of money made of the basic salary plus any other benefit and various bonuses that are determined by terms of this Order or specific regulations;
- que réduction du prix sur des marchandises vendues par le magasin des forces armées ;
- 5° **Retraite :** fait pour un militaire des Forces Rwandaises de Défense d'arrêter le service après avoir atteint un âge donné prévu par le présent arrêté ;
- 6° **Fin du contrat :** fait pour qu'un contrat de service cesse d'exister parce que la période pour laquelle il a été conclu est venue à son terme ;
- 7° **Acte déshonorant:** tout acte inacceptable et honteux contraire à la doctrine des Forces Rwandaises de Défense et aux lois régissant l'institution ;
- 8° **Résiliation du contrat:** fin d'un contrat de service pour un militaire des Forces Rwandaises de Défense décidée par l'autorité compétente, pour des raisons justifiables et conformément aux procédures déterminées par la loi ;
- 9° **Salaire brut :** somme d'argent composée du salaire de base majoré de tout autre avantage et diverses primes déterminés par le présent arrêté ou par des instructions particulières ;

10° **Ugusezererwa mu Gisirikare:** icyemezo gifatwa n'Umuyobozi w'Ingabo ubifitiye ububasha cyo kwemerera kureka umurimo wa gisirikare umusirikare wabisabye;

11° **Ukurekurwa:** igikorwa cyo kureka umusirikare akava ku mirimo ya gisirikare.

**Ingingo ya 3: Inzego mu gisirikare**

Ibyiciro bya gisirikare bigizwe n'inzego zitandukanye zikurikira:

1° uva hasi ujyana hejuru mu cyiciro cya ba Ofisiye, inzego zigizwe na ba Ofisiye Bato, ba Ofisiye Bakuru na ba Ofisiye Jenerali;

2° uva hasi ujya hejuru, mu cyiciro cy'aba Su-ofisiye n'abasirikare bato, inzego zigizwe n'Abasirikare Bato, ba Su-Ofisiye Bato na ba Su-Ofisiye Bakuru.

**Ingingo ya 4: Abakozi b'abasivili b'Intiti**

Bitanyuranyije n'ingingo ya mbere yiri teka, abakozi b'abasivili b'intiti bagengwa n'amasezerano bashobora guhabwa umurimo

10° **Granted request:** demand made by any RDF personnel to cease his service that has been approved by the RDF competent authority;

11° **Discharge:** form of releasing RDF personnel from military services.

**Article 3: Military service classes**

Classes within the two categories of military service are as follows:

1° in ascending order, within the officer classes, there shall be junior officers, senior officers and General Officers;

2° in ascending order, within Non Commissioned Officers and Troopers category, there shall be troops, junior Non Commissioned Officers and senior Non Commissioned Officers.

**Article 4: Specialized civilians**

Without prejudice to Article One of this Order, specialized civilians may be hired on contract to perform specialized non military

10° **Démission accordée:** demande faite par tout militaire des Forces Rwandaises de Défense pour cesser son service, approuvée par l'autorité compétente des Forces Rwandaises de Défense ;

11° **Réforme:** fait de libérer un militaire des Forces Rwandaises de Défense du service militaire.

**Article 3 : Classes au sein du service militaire**

Les classes dans les deux catégories du service militaire sont les suivantes :

1° par ordre croissant, au sein de la catégorie d'Officiers, il existe la classe des Officiers Subalternes, des Officiers Supérieurs et des Officiers Généraux ;

2° par ordre croissant, au sein de la catégorie des Sous Officiers et hommes de troupe, il existe des classes des hommes de troupe, des Sous-officiers subalternes, ainsi que des Sous Officiers Supérieurs.

**Article 4: Personnel civil spécialisé**

Sans préjudice à l'article premier du présent arrêté, des civils spécialisés peuvent être engagés sur contrat pour effectuer des



kugira ngo bakore imirimo itari iya gisirikare yihariye.

duties.

fonctions spécialisées non militaires.

Abakozi b'abasivili bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bagengwa n'amategeko n'amabwiriza ya gisirikare hakurikijwe ibiteganywa n'amasezerano y'akazi. Uburyo batoranywa n'uko bakora bigenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite Ingabo z'igihugu mu nshingano ze.

The civilian employees referred to in Paragraph One of this Article shall be subject to the military rules and regulations within the framework of their contract. Modalities for their recruitment and employment shall be specified by an Order of the Minister in charge of defence forces.

Les employés civils sont sujets aux règles et règlements militaires suivant les termes de leur contrat. Les modalités de leur recrutement et emploi sont déterminées par arrêté du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

**INTERURO YA II: GUTANGIRA UMURIMO WA GISIRIKARI**

**TITLE II: COMMENCEMENT OF MILITARY SERVICE**

**TITRE II: COMMENCEMENT DU SERVICE MILITAIRE**

**UMUTWE WA MBERE: UKWINJIZWA MU KAZI**

**CHAPTER ONE: RECRUITMENT**

**CHAPITRE PREMIER: RECRUTEMENT**

**Ingingo ya 5: Kwinjizwa n'umubare ukenewe**

**Article 5: Recruitment and the required number**

**Article 5 : Recrutement et nombre requis**

Ukwinjizwa mu kazi mu Ngabo z'u Rwanda biterwa n'umubare wa ngombwa w'abasirikare ukenewe muri buri rwego.

Recruitment into the Rwanda Defence Forces shall depend on the required number of personnel per category.

Le recrutement au sein des Forces Rwandaises de Défense dépend de l'effectif nécessaire des militaires par catégorie.

Umubare wa ngombwa w'abasirikare ushyirwaho hashingiwe ku miterere y'igisirikare.

The required number for recruitment shall depend on existing military establishment.

Le nombre requis des recrues dépend de la structure militaire existant.

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kwinjizwa mu gisirikare**

Hari uburyo bubiri bwo kwinjira mu gisirikare: kwinjiramo ushyirwa mu cyiciro cy'aba Su-ofisiye n'abasirikare bato no kwinjiramo ushyirwa mu cyicirocy'aba Ofisiye.

Umusirikare wo mu rwego rw'Abasirikare Bato umaze nibura imyaka ibiri mu kazi ashobora gutoranywa mu bajya mu mahugurwa amushyira mu rwego rwa ba Su-Ofisiye.

**Ingingo ya 7: Ibisabwa mu iyinjizwa mu gisirikare**

Kugira ngo yemererwe kujya mu ngabo, ubisaba agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1 ° kuba ari umunyarwanda ;
- 2 ° kuba abishaka ;
- 3 ° kuba afite ubuzima bwiza ;
- 4 ° kuba afite nibura imyaka 18 ;
- 5 ° kuba atarigeze ahamwa n'icyaha ;

**Article 6: Procedures for entry in military services**

There shall be two procedures for entry into the Rwanda Defence Forces: the entry for Non Commissioned Officers and Troops and the entry for Officers.

Within Troops class, a soldier may be eligible for Junior Non Commissioned Officer promotional course, after at least two (2) years of service.

**Article 7: Conditions for recruitment**

To qualify for recruitment into the Rwanda Defence Forces, a candidate must fulfill the following conditions:

- 1 ° to be a Rwandan citizen;
- 2 ° to join voluntarily;
- 3 ° to be physically and mentally fit;
- 4 ° to be at least eighteen (18);
- 5 ° not having been convicted for any offense;

**Article 6: Mode d'entrée en service militaire**

L'entrée au sein des Forces Rwandaises de Défense se fait de deux façons : entrée dans la catégorie des hommes de troupes et Sous-officiers et l'entrée dans la catégorie des Officiers.

Après au moins deux (2) ans de service, les militaires de la classe des hommes de troupes peuvent être soumis à la formation les préparant pour la promotion aux grades de la classe de Sous-officiers subalternes.

**Article 7: Conditions de recrutement**

Pour être admis au sein des Forces Rwandaises de Défense, le candidat doit remplir les conditions suivantes :

- 1 ° être de nationalité rwandaise ;
- 2 ° être volontaire;
- 3 ° être physiquement et mentalement apte;
- 4 ° avoir dix huit (18) ans au moins;
- 5 ° n'avoir pas été reconnu coupable d'une quelconque infraction;

*Official Gazette n° 36 of 03 September 2012*

6° kuba afite impamyabushobozi cyangwa impamyabumenyi y'amashuri ahwanye n'icyiciro yinjizwamo;	6° to hold relevant academic qualifications corresponding to the level of recruitment;	6° avoir un niveau d'études correspondant à la catégorie de recrutement;
7° kuba yaratsinze ikizamini cy'ukwinjizwa mu kazi;	7° to have successfully passed the recruitment tests;	7° passer avec succès les tests de recrutement ;
8° kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;	8° to have moral integrity and good conduct;	8° avoir une intégrité morale et une bonne conduite ;
Abafite ubumenyi bwihariye n'abanyamyuga binjizwa mu buryo bwihariye.	There shall be special consideration for recruitment of professionals and specialists.	Une considération particulière pourra être faite pour le recrutement des professionnels et des spécialistes.

**Ingingo ya 8: Amashuri asabwa ku kwinjizwa**

**Article 8: Academic qualifications**

**Article 8 : Niveau d'études requis**

Amashuri asabwa uwinjizwa mu byiciro bitandukanye ni aya akurikira:	The academic qualifications for recruitment shall be as follows:	Le niveau d'études requis pour le recrutement est le suivant :
1° abakandida ofisiye bagomba kuba bafite nibura impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye;	1° candidates for Officer Cadet must hold at least A level certificate or its equivalent;	1° les candidats pour l'école des Officiers doivent détenir au moins un diplôme d'études secondaires ou son équivalent ;
2° abakandida ba su-Ofisiye n'abakandida b'Abasirikare Bato bagomba kuba bararangije nibura amashuri icyenda (9) yibanze cyangwa andi ahwanye nayo.	2° for Non Commissioned Officers and Troops, candidates must have completed at least nine (9) years of basic education or its equivalent.	2° pour les Sous-officiers et hommes de troupes, les candidats doivent avoir terminé au moins neuf ans d'éducation de base ou équivalent.

**UMUTWE WA II: IMYITOZO Y'IBANZE**

**Ingingo ya 9: Ibyiciro**

Mu gihe cyo kwiyandikisha, umukandida ashobora gushyirwa mu rwego rw'amakurutu cyangwa urwa ba kandida Ofisiye.

Kugira ngo witwe umusirikare ugomba kuba wararangije imyitozo y'ibanze ya gisirikare.

Abari mu myitozo y'ibanze ya gisirikare bagengwa n'amabwiriza yihariye arebana n'amashuri cyangwa ibigo bigamo

**Ingingo ya 10: Gahunda y'amasomo**

Integanyanyigisho z'amasomo y'ibanze ya ba Ofisiye, aba Su-ofisiye n'iy'Abasirikare Bato, igenwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo.

**Ingingo ya 11: Amasezerano y'agateganyo**

Mbere yo gutangira imyitozo y'ibanze, uwatoranyijwe wese agirana amasezerano y'agateganyo na Leta ihagarariwe na Minisitiri ufite ingabo z'Igihgu mu nshingano ze, akubiyemo ibimugenga n'ibyo agomba kubahiriza mu gihe ari mu myitozo.

**CHAPTER II: BASIC TRAINING**

**Article 9: Categories**

During enrolment, each person shall be classified either as recruit or Officer Cadet.

To qualify as a soldier, one shall first undergo the relevant basic military training.

Trainees undergoing basic military training shall abide by the rules and regulations of their respective schools.

**Article 10: Determination of the curricula**

Curricula for the basic training of Officers, Non Commissioned Officers and Troops shall be determined by the Chief of Defence Staff.

**Article 11: Provisional contract**

On recruitment, every candidate shall sign with the State represented by the Minister in charge of defence a provisional contract which determines his/her terms and conditions during the training period.

**CHAPITRE II: FORMATION DE BASE**

**Article 9 : Catégories**

Au moment de l'inscription, chaque personne sera classée soit comme recrue, ou comme candidat Officier.

Pour être militaire, le candidat doit d'abord passer une formation militaire de base appropriée.

Les stagiaires subissant la formation militaire de base devront se soumettre aux lois et règlements de leurs écoles respectives.

**Article 10 : Fixation des programmes d'études**

Des programmes d'études pour la formation de base des Officiers, des Sous-officiers et des hommes de troupe sont fixés par le Chef d'Etat Major Général.

**Article 11 : Contrat provisoire**

Au moment du recrutement, chaque candidat signe avec l'Etat représenté par le Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions un contrat provisoire qui détermine les modalités et conditions pendant la période de formation.

**INTERURO YA III: UMURIMO WA GISIRIKARI**

**TITLE III: MILITARY SERVICE**

**TITRE III : LE SERVICE MILITAIRE**

**UMUTWE WA MBERE: GUTANGIRA UMURIMO**

**CHAPTER ONE: COMMENCEMENT OF SERVICE**

**CHAPITRE PREMIER: COMMENCEMENT DU SERVICE**

**Ingingo ya 12: Igihe cy'umurimo**

**Article 12: Active service**

**Article 12: Service**

Ba Ofisiye, ba Su-Ofisiye n'Abasirikare Bato bafatwa nk'abari ku murimo guhera itariki barangirijeho imyitozo y'ibanze ya gisirikare no gushyira umukono ku masezerano nk'uko biteganyijwe mu ingingo ya 14, kugeza itariki umurimo urangiriye hakurikijwe ibiteganywa n'iyi sitati.

Officers and Non Commissioned Officers and Troopers shall be considered to be in active service from the date of completing basic training and signing the contract of service pursuant to article 14 of this Order up to the date of termination of service in conformity with this Statute.

Les Officiers, Sous-officiers et hommes de troupes sont considérés comme étant en activité dès la date à laquelle la formation de base est achevée, et après signature du contrat d'engagement comme prévu à l'article 14 du présent arrêté, jusqu'à la date de fin de service conformément au présent statut.

Bifatwa kimwe n'igihe cy'umurimo ibi bikurikira:

The following shall be considered as being part of active service:

Sont assimilés à l'activité militaire:

1 ° ingendo z'ubutumwa bwa Leta;

1 ° official mission;

1 ° mission officielle ;

2 ° impushya zo gusiba zemewe;

2 ° authorized absence;

2 ° absence autorisée ;

3 ° ibiruhuko;

3 ° leave;

3 ° congé ;

4 ° amahugurwa ya gisirikare cyangwa amashuri asanzwe.

4 ° military and academic Courses.

4 ° formation militaire et académique.

**Ingingo ya 13: Ibyiciro by'umurimo wa gisirikare**

**Article 13: Service categories**

**Article 13 : Catégories de service**

Igihe ari ku murimo mu ngabo z'u Rwanda,

Service in the Rwanda Defence Forces shall

Au sein des Forces Rwandaises de Défense,

*Official Gazette n° 36 of 03 September 2012*

umusirikare ashobora kugengwa be either on contract or career basis. un militaire est soit de carrière soit régi par un  
n'amasezerano cyangwa akagengwa contrat.  
n'amategeko y'umwuga.

Abasirikare bato n'aba Su-Ofisiye Bato Troopers and Junior Non-Commissioned Les hommes de troupe et Sous-officiers  
bagengwa n'amasezerano gusa. Officers shall serve on contract terms only. subalternes servent uniquement sur base du  
contrat.

Ba Su-ofisiye Bakuru na ba Ofisiye bashobora Senior Non-Commissioned Officers and Les Sous-officiers supérieurs et les Officiers  
gutoranya igihe bari ku murimo, ko bagengwa Commissioned Officers shall have the option ont l'option de servir sur base du contrat ou de  
n'amasezerano cyangwa n'amategeko of serving either on contract or on career basis servir sur base de la carrière jusqu'à l'âge de  
y'umwuga kugeza mu za bukuru. until retirement age. la retraite.

**Iciviro cya mbere : Gukora amasezerano**

**Section One: Service contract**

**Section première : Contrat de service**

**Ingingo ya 14: Amasezerano ya burundu**

**Article 14: Definitive contract**

**Article 14 : Contrat définitif**

Urangije imyitoto y'ibanze ya gisirikare kandi On successful completion of training, every Au terme de la formation réussie, chaque  
ayitsinze, agirana amasezerano y'umurimo wa soldier shall sign a contract with the State militaire signe un contrat avec l'Etat représenté  
gisirikare na Leta, ihagarariwe na Minisitiri represented by the Minister in charge of par le Ministre ayant les forces de défense  
ufite ingabo z'Igihugu mu nshingano ze. defence forces, for his/her military service. dans ses attributions, pour son service  
militaire.

**Ingingo ya 15: Igihe amasezerano y'umurimo amara**

**Article 15: Duration of service contract**

**Article 15 : Durée du contrat de service**

Igihe cy'amasezerano mu ngabo z'u Rwanda Contract term of service in Rwanda Defence La durée du contrat du service au sein des  
ni imyaka itanu (5). Gishobora kongerwa Forces shall be five (5) years renewable only Forces Rwandaises de Défense est de cinq (5)  
inshuro ebyiri (2) gusa. two (2) times. ans renouvelables seulement deux (2) fois.

Ariko kubera inyungu z'umurimo In the interest of the Rwanda Defence Forces, Dans l'intérêt des Forces Rwandaises de  
amasezerano ya Ba Ofisiye, ba Su-Ofisiye Officers or Non Commissioned Officers and Défense, le contrat pour les Officiers, les

n'Abasirikare Bato bafite ubumenyi bwihariye ashobora kongerwa inshuro zirenze ebyiri (2).

Troops with special skills may have their contract renewed more than twice.

Sous-officiers et hommes de troupes ayant des qualifications spéciales peut être renouvelé plus de deux (2) fois.

**Ingingo ya 16: Kongera amasezerano y'umurimo**

**Article 16: Renewal of service contract**

**Article 16 : Renouvellement du contrat de service**

Ukongera amasezerano y'umurimo bikorwa na Minisitiri ufite Ingabo z'Igihugu mu nshingano ze.

The renewal of the service contract shall be done by the Minister in charge of defence forces.

Le renouvellement du contrat de service est effectué par le Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

**Icyiciro cya 2: Indahiro**

**Section 2: Oath**

**Section 2 : Serment**

**Ingingo ya 17: Indahiro ya Ofisiye**

**Article 17: Officer's oath**

**Article 17: Le serment d'un Officier**

Mbere yo gutangira umurimo, buri Ofisiye wese arahira indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga.

Before commencing service, every officer shall take the oath provided for by the Constitution.

Avant d'entrer en service, chaque Officier prête le serment prévu par la Constitution.

**UMUTWE WA II: AMAPETI N'UBURAMBE**

**CHAPTER II: RANKS AND SENIORITY**

**CHAPITRE II: GRADES ET ANCIENNETE**

**Icyiciro cya mbere: Amapeti n'inzezo**

**Section One: Ranks and classes**

**Section première : Grades et classes**

**Ingingo ya 18: Akamaro k'ipeti**

**Article 18: Role of ranks**

**Article 18 : Rôle des grades**

Ipeti rishyira Ofisiye, Su-Ofisiye cyangwa Umusirikare muto mu rwego uru n'uru rwa gisirikare kandi rikamuha ububasha bwo gukora umurimo wa gisirikare ukwiranye naryo.

A rank categorises Officers, Non Commissioned Officers and Troops in the military hierarchy and enables them to exercise a corresponding military function.

Le grade catégorise des Officiers, des Sous-officiers et des hommes de troupe dans la hiérarchie militaire et leur permet d'exercer une fonction militaire correspondante.

**Ingingo ya 19: Inzegoz'amapeti**

Amapeti y'abasirikare akurikiranye mu busumbane bukurikira:

- 1 ° Urwego rw'abasirikare bato:
  - a) Soluda
  - b) Soluda wo mu rwego rwa mbere
- 1 ° Urwego rwa ba Su-Ofisiye bato:
  - a) Kapolari
  - b) Serija
  - c) Premier serija
- 2 ° Urwego rwa ba Su-ofisiye Bakuru:
  - a) Serija-Major
  - b) Ajida
  - c) Ajida-shefu
- 3 ° Urwego rwa ba Ofisiye Bato:
  - a) Su-Liyetona;
  - b) Liyetona;
  - c) Kapiteni.
- 4 ° Urwegorwaba ofisiye Bakuru
  - a) Majoro;
  - b) Liyetona-Koloneri;
  - c) Koloneri.
- 5 ° Urwego rwa ba Ofisiye Jenelari:
  - a) Burigadiye Jenerali;
  - b) Jenelari Majoro;

**Article 19: Classes of ranks**

Ranks shall be in the following ascending order:

- 1 ° Troops class:
  - a) Private ;
  - b) Lance Corporal
- 2 ° Junior Non Commissioned Officers class:
  - a) Corporal ;
  - b) Sergeant;
  - c) Staff Sergeant.
- 3 ° Senior Non Commissioned Officers class:
  - a) Sergeant Major
  - b) Warrant officer class II
  - c) Warrant Officer Class I
- 4 ° Junior Officers class :
  - a) Second Lieutenant
  - b) Lieutenant;
  - c) Captain.
- 5 ° Senior Officers class:
  - a) Major;
  - b) Lieutenant-Colonel;
  - c) Colonel.
- 6 ° General Officers Class:
  - a) Brigadier-General;
  - b) Major General;

**Article 19 : Classes de grades**

Les grades sont dans l'ordre croissant suivant:

- 1 ° La classe des hommes de troupes :
  - a) Soldat;
  - b) Soldat de première class
- 2 ° Classe des Sous-officiers subalternes:
  - a) Caporal ;
  - b) Sergent ;
  - c) Premier Sergent;
- 3 ° Classe des Sous Officiers Supérieurs:
  - a) Sergeant Major
  - b) Adjudant
  - c) Adjudant Chef
- 4 ° Classe des Officiers subalternes:
  - a) Sous - Lieutenant
  - b) Lieutenant;
  - c) Capitaine.
- 5 ° Classe d'Officiers Supérieurs:
  - a) Major;
  - b) Lieutenant-colonel ;
  - c) Colonel.
- 6 ° La Classe des Officiers Généraux :
  - a) Général de Brigade;
  - b) Général Major;



- c) Liyetona Jenerali;
- d) Jenerali.

- c) Lieutenant General ;
- d) General.

- c) Lieutenant Général;
- d) Général.

**Ingingo ya 20: Ipeti ry’agateganyo**

Umutegetsi ufite ububasha bwo kuzamura mu ntera umusirikare ashobora kumutiza ipeti ryisumbuye kugirango akore imirimo ijyanye n’intera iri hejuru y’iyo asanganywe.

Umusirikare wahawe ipeti by’agateganyo asubirana ipeti rye rya mbere yari asanganywe iyo icyo yari yariherewe kirangiye.

**Icyiciro cya 2: Uburambe n’ubusumbane**

**Ingingo ya 21: Uburambe**

Bitabangamiye ibiteganyijwe mu ngingo ya 21 y’iri teka, buri Ofisiye ufite ipeti ryo hejuru aba akuriye Ofisiye wundi ufite intera iri hasi y’iye kimwe na ba Su-ofisiye n’Abasirikare Bato.

Buri Su-Ofisiye ufite ipeti ryo hejuru aba akuriye Su-ofisiye wundi ufite ipeti riri muni y’irye kimwe na ba Soluda.

Buri musirikare wo mu rwego rw’abasirikare

**Article 20: Temporary rank**

The authority entrusted with the power of promotion may grant to any soldier a temporary rank for the purpose of enabling him/her carrying out an assignment corresponding to a higher appointment.

Temporary rank shall be withdrawn at the end of the assignment.

**Section 2: Seniority and order of precedence**

**Article 21: Seniority**

Without prejudices to Article 21 of this Order, each Officer with a high rank shall have seniority over any other Officer with a lower rank and Non Commissioned Officers and Troopers.

Each Non Commissioned Officer with high rank shall have seniority over other Non Commissioned Officer with a lower rank and to private.

Each soldier within troop’s class with a high

**Article 20: Grade temporel**

L'autorité nantie du pouvoir de promotion peut accorder à tout militaire un grade temporel en vue d’accomplir une mission correspondant au poste plus élevé.

Le grade temporel est retiré à la fin de la mission.

**Section 2 : Ancienneté et ordre de priorité**

**Article 21: Ancienneté**

Sans préjudices aux dispositions de l’article 21, chaque Officier de grade supérieur est hiérarchiquement supérieur à tout autre Officier de grade inférieur ainsi qu’à tout Sous-officier et homme de troupes.

Chaque Sous-officier de grade supérieur est hiérarchiquement supérieur à tout autre Sous-officier de grade inférieur et à tout homme de troupe.

Chaque militaire de la classe des hommes de

bato ufite ipeti ryo hejuru aba akuriye umusirikare wundi ufite ipeti riri muni y'irye.

rank shall have seniority to any other soldier with a lower rank.

troupes de grade supérieur est hiérarchiquement supérieur à tout autre militaire de grade inférieur.

**Ingingo ya 22: Ubusumbane**

**Article 22: Order of Seniority**

**Article 22 : Ordre de priorité**

Ubusumbane ku kazi kuri ba Ofisiye, ba Su-ofisiye n'abasirikare bato bafite ipeti rimwe bushingira kuri ibi bikurikira:

Among Officers, Non Commissioned Officers and Troops holding the same rank, seniority shall be in the following order of precedence:

Parmi les Officiers, Sous-officiers et hommes de troupes de même grade, l'ordre de priorité est déterminé de la façon suivante:

1 ° akazi ashinzwe ;

1 ° appointment held ;

1 ° poste occupé ;

2 ° itariki yo kuzamurwa mu ntera ;

2 ° date of promotion ;

2 ° date de la promotion ;

3 ° numero matirikire.

3 ° service number.

3 ° numéro matricule.

**UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU MWANYE N'ISUZUMA**

**CHAPTER III: APPOINTMENT AND EVALUATION**

**CHAPITRE III: AFFECTATION ET EVALUATION**

**Icyiciro cya mbere: Ishyirwa mu mwanya**

